Kigali, kuwa 24/11/1997

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'URUBYIRUKO, SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE**
**UBUYOBOZI BW'UMUSHINGA W'INGANDO Z'URUBYIRUKO**

file Ingando old

Kuri Bwana Umuyobozi w'Ishami
rishinzwe Urubyiruko muri
MIJESCAFOP
KIGALI

Impamvu:
Gusubiza urwandiko rwanyu rumenyesha ko nagizwe Umuhuzabikorwa w'Umushinga w'Ingando.

Bwana Umuyobozi w'Urubyiruko,

Nejejwe no kubamenyesha ko nanyuzwe n'icyizere Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse yangaragarije mu kunshinga kuyobora umushinga w'ingando z'urubyiruko.

N'ubwo nashimihijwe n'icyemezo Nyakubahwa Minisitiri yafashe akagitangaza mu ibaruwa n°1109/21.00 yo kuwa 22/9/1997, ngirana ihererekanyabubasha na Madamu MUKAZIBERA Agnès nasimbuye, nasanze byankomerera cyane gutangira akazi ntabanje gutegura nitonze ivugururwa ry'imiterere n'imikorere by'umushinga. Nkaba mbasaba ko mwampa igihe gihagije cyo kuwiga bushya no kunshyigikira muri icyo gikorwa.

Mboneyeho gusaba ko abantu bakurikira, kubera imyifatire myiza yabaranze bakorera gahunda y'igihugu yo guhugura abanyarwanda batahutse, mu ngando za Ruhengeri na Gisenyi, bahabwa akazi mu mushinga w'ingando z'urubyiruko.

Abo ni :
1. Madame NYIRASAFARI Cécile
2. Mademoiselle KAYIRANGWA Charité
3. Bwana KARIMUNDA Josué
4. Bwana MUSABYIMANA Emmanuel.

Mbaye mbashimiye igisubizo cyanyu cyiza ntegereje.

Jean Paul MUNYANDAMUTSA

Umuhuzabikorwa w'umushinga
w'ingando z'urubyiruko

Bimenyeshejwe:
- Nyakubahwa Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse
- Bwana Umunyamabanga Mukuru muri MIJESCAFOP